# IMFASHANYIGISHO YA 10: KURWANYA ISURI MU MURIMA WA KAWA

**ISURI N'INGARUKA ZAYO**

**UBUSOBANURO BW'ISURI:** Isuri ni ukwimurwa no gutwarwa k'ubutaka bwo hejuru, biturutse ku ngufu z'amazi, umuyaga n'ibikorwa bya muntu.

Isuri itera ingaruka zikomeye nko:



- Gutwarwa k'ubutaka bwo hejuru bukungahaye kuntungagihingwa;
- Gusigarana ubutaka bwo hasi bukomeye kandi kennye kuntungagihingwa bityo umusaruro ukagabanuka cyane
- Kutwarwa kw'ibimera harimo ibihingwa, ibyatsi n'ibiti bikazana igihombo no gusigarana ubutaka bwambaye ubusa bikaba byakurura vuba ubutayu, ihindagurika n'ihumana ry'ikirere
- Ubutaka butwawe n'isuri buhumanya amazi n'ibinyabuzima biyatuyemo
- Ubutaka butakaza ubushobozi bwo kubika amazi igihe kirekire

## UBURYO BWO KURWANYA ISURI



**(1) Gusasira:** bibika ubuhehere, bigabanya ingaruka z'ibitonyanga bityo bigacubya isuri



**(2) Ibiti bitanga igicucu n'ibiti bivangwa n'imyaka**: Imizi y'ibiti ikomeza ubutaka, mugihe amashami n'amababi bigabanya ubukana bw'imvura.



**(3) Ibihingwafumbire**, bitwikira ubutaka bityo ibitonyanga by'imvura ntibishobore gukura ubutaka mu mwanya wabwo.



**(4) Gutera ibyatsi kumiringoti:** bigabanya umuvuduko w'amazi bikanafata ubutaka ntibutembanwe



**(5) Imiringoti**: icukurwa mubutambike bw’umusozi kugirango itangire amazi atemba, bikongera ubuhehere bw’ubutaka, amazi akinjira neza mu butaka, bikarwanya isuri.